ITEGANYAGIHE N°56 RY'IGIHE CY'UMUHINDO (NZERI-UKUBOZA) 2020

Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Ubumenyi bw'Ikirere mu Rwanda (Meteo Rwanda) kinejejwe no gutangariza abaturarwanda bose ko umuhindo wa 2020 muri rusange uteganyijwemo imvura izaba iri munsi ho gato y'imvura isanzwe iboneka mu bihe byiza by'umuhindo mu bice byinshi by'igihugu.

Ibi biraterwa nuko ubushyuhe bwo mu Nyanja ngari cyane cyane iya Pasifika n'iy'Ubuhinde bwagabanutse munsi y'impuzandengo y'ubushyuhe busanzwe muri iki gihe kandi buzakomeza kugabanuka uko tugenda twinjira mu muhindo. Igabanuka ry'ubushyuhe munsi y'ikigero gisanzwe muri izo Nyanja zombi rizatuma ingano y'ubuhehere bw'umwuka ujya mu kirere cy'Afurika y'Iburasirazuba ndetse n'u Rwanda igabanuka bishobora gutuma tugira imvura iri ku kigero cy'imvura isanzwe cyangwa munsi yacyo.

Ingano y'imvura iteganyijwe mu gihe cy'Umuhindo wa 2020 dushingiye ku miterere y'uturere:

Imvura iri hagati ya milimetero 350 na 450 iteganyijwe mu Ntara y'Amajyarugu mu turere twa Musanze, Burera, Gicumbi Gakenke na Rulindo; mu Ntara y'Iburengerazuba mu turere twa Nyabihu, Rusizi n'igice cy'uburasirazuba bwa Ngororero; mu Ntara y'Amajyepfo mu karere ka Nyaruguru, Nyamagabe n'igice cy'amajyaruguru y' Akarere ka Muhanga.

Imvura iri hagati ya milimetero 300 na 400 iteganyijwe mu Ntara y'Iburengerazuba mu turere twa Rubavu, Nyamasheke, Rutsiro, Karongi ndetse n'igice cy'Uburengerazuba bw'Akarere ka Ngororero.

Imvura iri hagati ya milimetero 300 na 350 iteganyijwe mu Ntara y'Iburasirazuba mu turere twa Rwamagana, Gatsibo na Nyagatare; mu Ntara y'Amajyepfo mu turere twa Kamonyi Ruhango, Nyanza Huye, Gisagara n'igice cy'Amajyepfo y'Akarere ka Muhanga ndetse no mu turere twose tugize Umujyi wa Kigali.

Imvura iri hagati ya milimetero 250 na 350 iteganyijwe mu Ntara y'Iburasirazuba mu turere twa Kirehe, Ngoma, Bugesera na Kayonza.

RWANDA METEOROLOGY AGENCY - METEO RWANDA

Rwanda Meteorology Agency

IKARITA YEREKANA ITEGANYAGIHE RY'IMVURA Y'UMUHINDO 2020





P.O Box 898 KIGALI | E-mail :info@meteorwanda.gov.rw | @MeteoRwanda | Toll free : 6080
Address: Nyarugenge KN2, 96st | Website: www.meteorwanda.gov.rw | Meteo Rwanda

RWANDA METEOROLOGY AGENCY - METEO RWANDA



Imbonerahamwe igaragaza ingano y'imvura muri milimitero, itangira n'icika ry'imvura y'Umuhindo 2020 mu bice bitandukanye by'igihugu

INTARA	Akarere	Imvura iteganyijwe (mm)	Itangira ry'imvura	Icika ry'Imvura
Umujyi wa Kigali	Nyarugenge	300-350	22-29 Nzeri	22-29 Ukuboza
	Gasabo	300-350	22-29 Nzeri	22-29 Ukuboza
	Kicukiro	300-350	22-29 Nzeri	22-29 Ukuboza
Intara y'Amajyaruguru	Musanze	350-450	08-15 Nzeri	29 Ukuboza-5 Mutarama 21
	Gicumbi	350-450	08-15 Nzeri	29 Ukuboza-5 Mutarama 21
	Rulindo	350-400	15-22 Nzeri	29 Ukuboza-5 Mutarama 21
	Burera	350-450	08-15 Nzeri	29 Ukuboza-5 Mutarama 21
	Gakenke	350-400	15-22 Nzeri	29 Ukuboza-5 Mutarama 21

P.O Box 898 KIGALI | E-mail :info@meteorwanda.gov.rw | @MeteoRwanda | Toll free : 6080
Address: Nyarugenge KN2, 96st | Website: www.meteorwanda.gov.rw | Meteo Rwanda

RWANDA METEOROLOGY AGENCY - METEO RWANDA

Intara y'Amajyepfo	Kamonyi	300-350	22-29 Nzeri	22-29 Ukuboza
	Muhanga	300-350	22-29 Nzeri	22-29 Ukuboza
	Ruhango	300-350	29 Nzeri - 6 Ukwakira	22-29 Ukuboza
	Nyanza	300-350	29 Nzeri - 6 Ukwakira	22-29 Ukuboza
	Huye	300-350	29 Nzeri - 6 Ukwakira	22-29 Ukuboza
	Gisagara	300-350	29 Nzeri - 6 Ukwakira	22-29 Ukuboza
	Nyamagabe	350-400	29 Nzeri - 6 Ukwakira	29 Ukuboza-5 Mutarama 21
	Nyaruguru	350-400	22-29 Nzeri, Uburengerazuba 29 Nzeri - 6 Ukwakira, Uburasirazuba	29 Ukuboza-5 Mutarama 21
Intara y'Iburasirazuba	Bugesera	250-350	29 Nzeri - 6 Ukwakira	22-29 Ukuboza
	Rwamagana	300-350	22-29 Nzeri	22-29 Ukuboza
	Kayonza	250-350	22-29 Nzeri	22-29 Ukuboza
	Ngoma	250-350	29 Nzeri - 6 Ukwakira	22-29 Ukuboza
	Kirehe	250-350	6 - 13 Ukwakira	22-29 Ukuboza
	Gatsibo	300-350	15-22 Nzeri	22-29 Ukuboza
	Nyagatare	300-350	08-15 Nzeri Uburengerazuba 15-22 Nzeri Uburasirazuba	8-15 Ukuboza Amajyaruguru 22-29 Ukuboza Amajyepfo
Intara y'Iburengerazuba	Nyabihu	350-450	08-15 Nzeri	29 Ukuboza-5 Mutarama 21
	Rubavu	300-400	08-15 Nzeri	29 Ukuboza-5 Mutarama 21
	Rutsiro	300-400	22-29 Nzeri	29 Ukuboza-5 Mutarama 21
	Karongi	300-400	22-29 Nzeri	29 Ukuboza-5 Mutarama 21
	Ngororero	300-400	22-29 Nzeri	29 Ukuboza-5 Mutarama 21
	Nyamasheke	300-400	15-22 Nzeri	29 Ukuboza-5 Mutarama 21
	Rusizi	350-450	08-15 Nzeri Uburengerazuba 15-22 Nzeri Amajyepfo ndetse Uburasirazuba	29 Ukuboza-5 Mutarama 21

Rwanda Meteorology Agency

UBUJYANAMA KURI IRI TEGANYAGIHE

Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Ubumenyi bw'Ikirere kirasaba inzego zose za Leta, Imiryango idaharanira inyungu, Imishinga itandukanye ikorera mu Rwanda, Amasosiyete y'abikorera ku giti cyabo ndetse n'Abaturarwanda bose muri rusange ko bakwiriye gushingira kuri iri teganyagihe bagafata ingamba zigamije kwirinda no gukumira ibiza, kwirinda no gukumira indwara, kubungabunga ibidukikije, gufata neza imiyoboro y'amazi n'ibindi bikorwa bifitiye igihugu akamaro.

Dushingiye kuri iri teganyagihe ry'igihembwe cy'umuhindo 2020 (igihembwe cy'ihinga 2021 A), inzego z'ubuhinzi ziragirwa inama yo kwihutisha imirimo yo gutegura imirima, kwihutisha kugeza inyongeramusaruro ku bahinzi, guterera ku gihe cyavuzwe mu mbonerahamwe iri hejuru no gutegura ibikoresho byifashishwa mu mirimo yo kuhira cyane cyane mu bice bikunze kugira imvura idahagije ndetse no kwita ku mihingire ibika amazi mu butaka.

Abakeneye ibindi bisobanuro birambuye kuri iri teganyagihe n'uburyo ryakoreshwa barasabwa kwegera Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Ubumenyi bw'Ikirere (Meteo Rwanda) cyangwa bagahamagara kuri nimero itishyurwa 6080.

Iri teganyagihe rikomeza gukoreshwa ryunganirwa n'irindi risanzwe ritangwa mu gihe cy'ukwezi, iminsi icumi (10), iminsi itanu (5), iminsi itatu(3) ndetse n'iteganyagihe ritangwa buri munsi.

Bikorewe i Kigali, kuwa 08/09/2020.

Aimable GAHIGI
Umuyobozi Mukuru

RWANDA METEOROLOGY AGENCY - METEO RWANDA

P.O Box 898 KIGALI | E-mail :info@meteorwanda.gov.rw | @MeteoRwanda | Toll free : 6080
Address: Nyarugenge KN2, 96st | Website: www.meteorwanda.gov.rw | Meteo Rwanda